Our Ref: 004/RRA/CCL/2025

Date: 31 JAN 2025

Your Ref: ......................

**ITANGAZO**

**Ubusabe bwo gukurirwaho amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo**

Hashingiwe ku ngingo ya 140 y'Itegeko rigenga za gasutamo mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba ryo mu 2004 (EAC CMA 2004), no kuba inama y'Abaminisitiri bo muri uwo muryango, binyuze mu igazeti ishobora kugena buri gihe ikurwaho ry'amahoro ya Gasutamo ku bikoresho fatizo (raw materials) bitumijwe mu mahanga bigamije gukoreshwa mu nganda z'imbere mu gihugu,

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, Serivisi za gasutamo, kiramenyesha abanyenganda bose bifuza gusaba gukurirwaho amahoro ya gasutamo mu gihembwe cya kane cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025 (Mata – Kamena 2025), ko igihe ntarengwa cyo kohereza ubusabe ari ku wa 25 Gashyantare 2025, **ubusabe buzatangwa nyuma y'iyi taliki ntibuzakirwa**. Ubusabe buzoherezwa bunyuze kuri **https://drs.eac.int**

**Ibisabwa bikurikira bigomba kuba byuzuye kugirango usaba yemererwe gukurirwaho amahoro:**

1. Kwandikira Komiseri wa za gasutamo ukoresheje Ifishi R1;
2. Gutanga production formula iriho Hs codes zasabwe ku ifishi ya R1 ;
3. Abasaba kongererwa igihe bagomba kwerekana ububiko bw'ibikoreshofatizo bisigaye n'ibicuruzwa bitaragurishwa mu gihe cyo gutanga ubusabe;
4. Gutanga icyemezo cyo kwiyandikisha mu bucuruzi cyatanzwe na RDB;
5. Kuba afite EBM V2 igezweho;
6. Abanditse ku musoro ku nyungu basora hashingiwe ku nyungu nyakuri (real regime), bagomba gutanga icyemezo cy'ubudakemwa (Quitus Fiscal). Abasora ku buryo bw'inyungu zicishirije (lumpsum regime) cyangwa bw'umusoro ukomatanyije (Flat regime) bagomba gutanga icyemezo cy' uko nta mwenda w'umusoro barimo;
7. Usaba gukugurirwaho amahoro ya gasutamo ku bikoresho fatizo, agomba kuba yariyandikishije k'umusoro ku nyungu (CIT) kandi awutanga;
8. Usaba agomba kuba nta birarane by'imisoro abereyemo Gasutamo;
9. Abo ubusabe bwabo bwateshejwe agaciro kubera amakosa, ntibemerewe gusaba.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara serivisi za gasutamo kuri 0788185676, 0788673048.

for Mwumvaneza Felicien
Komiseri wa za Gasutamo

RWANDA REVENUE AUTHORITY * CUSTOMS SERVICES DEPARTMENT * RRA

Mrs. GATERA Yvonne
*Assistant Commissioner in charge of Customs Operations Support Division*